FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION **« FERWAFA »** **Tél : + 250/518525** **FAX : +250/518523** **B.P. : 2000** **KIGALI - RWANDA** **STATUTS** **Kigali, le 30/08/2015**	**ISHYIRAHAMWE RY'UMUPIRA W'AMAGURU MU RWANDA** **« FERWAFA »** **Tél : +250/518525** **Fax : +250/518523** **B.P. : 2000** **KIGALI - RWANDA** **AMATEGEKO SHINGIRO** **Kigali, ku wa 30/08/2015**	**RWANDAN FEDERATION OF FOOTBALL ASSOCIATION** **« FERWAFA »** **Tel.: + 250/518525** **FAX: +250/518523** **B.P.: 2000** **KIGALI - RWANDA** **STATUTES** **Kigali, on 30/08/2015**

FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION	**ISHYIRAHAMWE RY'UMUPIRA W'AMAGURU MU RWANDA**	**FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION**
STATUTS	**AMATEGEKO SHINGIRO**	**STATUTES**
TABLE DES MATIERES	**ISHAKIRO**	**TABLE OF CONTENT**
DEFINITIONS	**IBISOBANURO**	**DEFINITIONS**
Les termes ci-après sont définis comme suit :	Amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:	The terms here below denote the following:
Assemblée Générale : L'instance suprême de la FERWAFA.	**Inteko Rusange:** Urwego rukuru rwa FERWAFA.	**General Assembly**: The supreme body of FERWAFA.
Association : Association de football reconnue par la FIFA comme étant membre de cette dernière.	**Ishyirahamwe:** Ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru ryemewe na FIFA nk'umunyamuryango wayo.	**Association**: A football association recognized by FIFA. It is a member of FIFA
Association régionale : Organisation subordonnée à une association.	**Ishyirahamwe ry'akarere :** Ishyirahamwe rigengwa n'Ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru ryemewe na FIFA	**Regional association**: Organization subordinate to an association.

CAF : Conféderation Africaine de Football **CECAFA :** Council for East and Central Africa Football Associations **Club** : Membre d'une association de football (elle-même membre de la FIFA). **Comité Exécutif** : L'organe exécutif de la FERWAFA. **Confédération** : Ensemble des associations reconnues par la FIFA et faisant partie d'un même continent ou de régions géographiques apparentées. **FERWAFA** : Fédération Rwandaise de Football Association. **FIFA** : Fédération Internationale de Football Association. **Football** : Jeu contrôlé par la FIFA et pratiqué selon les lois	**CAF:** Impuza mashyirahamwe ny'Africa y'umupira w'amaguru **CECAFA:** Impuza mashyirahamwe y'ibihugu bigize akarere ka afrika y'iburasirazuba n'iyo hagati. **Ikipe:** Umunyamuryango w'ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru (ikaba ubwayo ari umunyamuryango wa FIFA). **Komite Nyobozi:** Ni urwego ruyobora FERWAFA. **Impuzamashyirahamwe:** Ihuriro ry'amashyirahamwe yemewe na FIFA abarizwa ku mugabane umwe w'isi cyangwa ahuriye ku turere tw'isi twegeranye. **FERWAFA:** Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru mu Rwanda **FIFA:** Impuzamashyirahamwe Mpuzamahanga y'Umupira w'amaguru ku isi . **Umukino w'umupira w'amaguru** Umukino ugenzurwa na FIFA kandi ugakurikiza amategeko ya FIFA	**CAF:** Confédération Africaine de Football **CECAFA:** Council for East and Central Africa Football Associations **Club**: Member of a football association (such an association being itself member of FIFA). **Executive committee**: The executive body of FERWAFA. **Confederation**: A group of associations recognized by FIFA that belong to the same continent or assimilable geographic area. **FERWAFA**: Fédération Rwandaise de Football Association. **FIFA**: Fédération Internationale de Football Association. **Association football**: The game controlled by FIFA and organised in accordance with the laws of the game.

du jeu. **IFAB** International Football Association Board. **Joueur** : Tout joueur de football enregistré auprès d'une association. **Ligue** : Organisation subordonnée à une association. **Membre** : Personne physique ou morale admise par l'Assemblée Générale de la FERWAFA. **Officiel** : Tout dirigeant, membre d'une commission, arbitre, entraîneur, préparateur ainsi que tout responsable technique, médical et administratif de la FIFA, d'une confédération, d'une association, d'une ligue ou d'un club. **TAS (CAS**) : Tribunal Arbitral du Sport (Court of Arbitration for Sport) à Lausanne (suisse). **Tribunal arbitral** : Cour de justice privée intervenant en lieu et place d'un tribunal ordinaire.	**IFAB** Inama y'Ubutegetsi y'Umupira w'Amaguru ku Isi. **Umukinnyi** Umukinnyi wese w'umupira w'amaguru wanditswe mu ishyirahamwe. **Ihuriro ry'umupira w'amaguru:** Umuryango ushamikiye ku ishyirahamwe **Umunyamuryango:** Umuntu ku giti cye cyangwa abantu bishyize hamwe bemerewe n'Inteko Rusange ya FERWAFA. **Umuyobozi :** Umuntu wese uyobora, uri muri komisiyo, umusifuzi, umutoza, utegura abakinnyi ndetse n'umuntu wese ushinzwe tekiniki, ubuvuzi n'ubuyobozi muri FIFA, mu rugaga mpuzamashyirahamwe, mu ishyirahamwe, mu ihuriro ry'umupira w'amaguru cyangwa mu ikipe. **TAS (CAS):** Urukiko Nkemurampaka rw'Umukino ruri i Lausanne (Suisse). **Urukiko nkemurampaka:** Urukiko rwigenga rukemura impaka mu mwanya w'urukiko rusanzwe rwa Leta.	**IFAB** International Football Association Board. **Player**: Any football player licensed by an association. **League**: Organization subordinate to an association. **Member**: Person or entity admitted into membership by the General Assembly of FERWAFA. **Official**: Every board member, commission member, referee, coach, trainer and any other person responsible for any technical, medical and administrative matters within FIFA, a conFederation, an association, a league or a club. **TAS (CAS**): Court of Arbitration for Sport (Tribunal Arbitral du Sport) Located in Lausanne Switzerland) **Arbitration court**: private Court of justice acting instead of an Ordinary Court.

Tribunaux ordinaires : Tribunaux d'Etat qui statuent sur des litiges juridiques publics et privés.	**Inkiko zisanzwe:** Inkiko za Leta zikemura ibibazo bivuka mu rwego rwa Leta no mu mibanire y'abantu hagati yabo.	**Ordinary courts:** State courts which hear public and private legal disputes.
I. DISPOSITIONS GENERALES	**I. INGINGO RUSANGE**	**I. GENERAL PROVISIONS**
Art. 1 – Nom, Siège et Forme juridique	**Ingingo ya mbere - Izina, icyicaro n'imiterere y'ishyirahamwe mu rwego rw'amategeko**	**Art. 1 – Name, Headquarters and legal form**
1. Il est constitué entre les associations sportives de football régulièrement créées au Rwanda et adhérent aux présents statuts, une organisation non gouvernementale dénommée "FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION" en abrégé "FERWAFA". Elle est le seul organisme régissant le football au Rwanda	1. Hagati y'amashyirahamwe y'umupira w'amaguru yemewe mu Rwanda kandi yemera aya mategeko-shingiro, hashinzwe umuryango witwa "ISHYIRAHAMWE RY'UMUPIRA W'AMAGURU MU RWANDA" mu magambo ahinnye "FERWAFA". Ni rwo rwego rwonyine rushinzwe ibyerekeye umupira w'amaguru mu RWANDA.	1. It is established between football sports associations regularly created that accept to be bound by the present statutes, an organization called "FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION" shortened "FERWAFA". It is the only organization governing football in Rwanda.
2. Le siège de la FERWAFA se situe à Kigali et peut être transféré dans une autre localité à tout moment, sur décision de l'Assemblée Générale	2. Icyicaro cya FERWAFA kiri i Kigali kandi gishobora kwimurirwa ahandi igihe icyo aricyo cyose ku cyemezo cy'Inteko Rusange.	2. The Headquarters of FERWAFA are located in Kigali and can anytime be transferred to another location following a resolution passed by the General Assembly.
3. Sa durée est indéterminée.	3. Igihe izamara ntikigenwe.	3. It is formed for unlimited period.
4. La FERWAFA est une Organisation Non gouvernementale d'intérêt public, conformément à la législation rwandaise.	4. FERWAFA ni Umuryango nyarwanda utegamiye kuri Leta ugamije inyungu rusange, ugengwa n'amategeko y'u Rwanda.	4. FERWAFA is a private Organization of an associative nature and non-profit-making in accordance with the Rwandan legislation.
5. La FERWAFA est membre de la FIFA, de la	5. FERWAFA ni umunyamuryango wa FIFA, wa CAF na CECAFA. Muri urwo rwego, igomba ubwawo gukurikiza no gukora kuburyo abanyamuryango bayo bakurikiza amategeko,	5. FERWAFA is a member of FIFA, CAF and CECAFA. For this reason, it is held to respect itself and make its members to comply with the statutes, regulations, directives and decisions of

CAF, et de la CECAFA. A ce titre, elle est tenue de respecter elle-même et de faire respecter par ses membres les statuts, règlements, directives et décisions de la FIFA, de la CAF, et de la CECAFA.	amabwiriza n'ibyemezo bya FIFA, CAF n'ibya CECAFA.	FIFA, CAF and CECAFA.
6. Le drapeau de la FERWAFA est de forme rectangulaire avec fond blanc de 1,5 m sur 1m dont l'intersection des diagonales est frappée par le logo de la FERWAFA. Ce logo représente les couleurs du drapeau national.	6. Ibendera rya FERWAFA ni urukiramende rufite ubutambike bwa metero 1.5 kuri metero 1 y'ubuhagarike, rifite ibara ry'umweru kandi mu ihuriro ry'impuzampembe zaryo hashushanyijemo ikirango cya FERWAFA. Icyo kirango gikozwe mu mabara y'ibendera ry'Igihugu.	6. The flag of FERWAFA is of rectangular form with white background of 1.5 m by 1 m with the logo of FERWAFA at the intersection of the diagonals. This logo represents the colours of the national flag.
7. La devise de l'association nationale est : Unité, Discipline, Victoire.	7. Intego za FERWAFA: Ubumwe, Disipurini, Intsinzi.	7. The motto of the national association is: "Unity, Discipline, and Victory".
8. Le sigle de la Fédération Rwandaise de Football Association est la "FERWAFA"	8. Mu magambo ahinnye Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru mu Rwanda ni "FERWAFA".	8. The acronym of the Fédération Rwandaise de Football Association is "FERWAFA".
Art. 2 – Buts La FERWAFA poursuit notamment les buts suivants : a) Promouvoir le jeu de football sur toute l'étendue du Territoire Rwandais; b) Contribuer à l'épanouissement tant physique	**Ingingo ya 2 – Intego** Intego za FERWAFA ni izi zikurikira: a) Guteza imbere umupira w'amaguru mu Rwanda hose; b) Gutuma Abanyarwanda muri rusange n'urubyiruko by'umwihariko bagera ku bwisanzure mu kwidagadura no mu mitekerereze hifashishijwe	**Art. 2 – Objectives** FERWAFA works towards the following objectives: a) To improve the game of football throughout the territory of Rwanda; b) To contribute to physical as moral self-fulfillment of the population in general and of the youth in particular by the game of football.

que moral de la population en général et de la jeunesse en particulier par la pratique du football.	gukina umupira w'amaguru;	
c) Organiser les compétitions de football sous toutes ses formes au niveau national, en définissant au besoin de façon précise les compétitions concédées aux différentes associations qui la composent;	c) Gutunganya mu rwego rw'igihugu amarushanwa y'umupira w'amaguru wemewe na FIFA mu buryo bwose ukinwamo, hagaragazwa neza amarushanwa agenewe amashyirahamwe anyuranye akina uwo mukino;	c) To organize competitions of football in all its forms at a national level, by defining as required and precisely the competitions conceded to various associations of which it is composed;
d) Contrôler et superviser toutes les rencontres amicales de football sous toutes ses formes qui se disputent sur l'ensemble du territoire du Rwanda;	d) Kugenzura no kuyobora imikino yose ya gicuti y'umupira w'amaguru ikinirwa ku butaka bw'u Rwanda hose mu buryo bwose ikinwamo;	d) To control and supervise all the friendly football matches in all its forms taking place on the whole of the territory of Rwanda;
e) Participer aux compétitions internationales de la FIFA, de la CAF, de la CECAFA et autres approuvées par la FERWAFA;	e) Kwitabira amarushanwa mpuzamahanga ya FIFA, CAF , CECAFA nandi yemejwe na FERWAFA	e) To take part in the international competitions organised by FIFA, CAF, CECAFA and others approved by FERWAFA.
f) Contrôler toute forme de football sur le territoire Rwandais;	f) Kugenzura imikinire y'umupira w'amaguru ku butaka bw'u Rwanda hose;	f) To control every type of Association football on the Rwandan territory;
g) Sauvegarder les intérêts communs de ses membres;	g) Kurengera inyungu rusange z'abanyamuryango bayo;	g) To safeguard the common interests of its members;
h) Prévenir toute méthode ou pratique mettant en danger l'intégrité du jeu et des compétitions de football.	h) Kubuza ko habaho imigirire cyangwa ibikorwa byahungabanya imiterere y'umukino cyangwa y'amarushanwa cyangwa se ibyateza imikorere mibi muri siporo y'umupira w'amaguru;	h) To prevent all methods or practices that may jeopardize the integrity of the game or the competitions or give rise to abuse of football.
i) Autoriser et encourager les compétitions entre les ligues affiliées ainsi que accueillir les	i) Kwemerera no gushyigikira amarushanwa abera hagati y'amahuriro agize FERWAFA, kwakira imikino mpuzamahanga ndetse n'indi;	i) To approve and foster the competitions between the affiliated leagues and host international competitions and others;

compétitions de niveau internationale ou autres; j) Organiser et participer à des stages et séminaires de formation dans les différents domaines nécessaires au développement du football rwandais; tels l'administration, l'arbitrage, l'entraînement, la médecine sportive et autres; k) Publier périodiquement toute information relative au football Mondial en général et Rwandais en particulier. l) Promouvoir et organiser les équipes nationales de football m) Exercer des activités commerciales générant des revenues servant à appuyer les activités liées à sa mission.	j) Gutunganya no kwitabira amahugurwa n'amahuriro atanga inyigisho mu bumenyi butandukanye kandi ngombwa mu iterambere ry'umupira w'amaguru mu Rwanda, nko mu by'ubuyobozi, ubusifuzi bw'umukino, imyitozo y'abakinnyi, ubuvuzi bwa siporo, n'ibindi; k) Gutangaza buri gihe amakuru yerekeye umupira w'amaguru mu rwego rw'isi muri rusange no mu Rwanda by'umwihariko. l) Guteza imbere no gutegura amakipi y'igihugu y'umupira. m) Gukora ibikorwa by'ubucuruzi bibyara inyungu biyifasha mu kurangiza neza inshingano zayo.	j) To organize and take part in training courses and seminars in various fields likely to promote the Rwandan football including administration, refereeing, coaching, sports medicine etc. k) To periodically publish any information relating to World football in general and Rwandan football in particular. l) To promote and organize the national football teams. m) To carry out commercial activities likely to generate income that supports the achievement of its mission.
Art. 3 –Neutralité et non discrimination La FERWAFA est une organisation neutre en matière politique et confessionnelle. Elle proscrit toute forme de discrimination politique, religieuse, sexuelle, ethnique, linguistique, raciale ou pour tout autre raison expressément interdite, sous peine de suspension ou d'exclusion.	**Ingingo ya 3 - Kutabogama no kutavangura** FERWAFA ni umuryango utagira aho ubogamiye mu bya politiki no mu by'amadini. Urwanya uburyo ubwo aribwo bwose bw'ivangura rishingiye kuri politiki, ku iyobokamana, ku gitsina, ku bwoko, ku rurimi, cyangwa ku yindi mpamvu iyo ariyo yose ibujijwe ku buryo buzwi; ubirenzeho ahanishwa guhagarikwa cyangwa kwirukanwa.	**Art. 3 –Neutrality and Non- discrimination** FERWAFA is neutral in matters of politics and religion. Any form of discrimination on the basis of political ideology, religion, sex, ethnicity, language, race or for any other reason is expressly prohibited and punishable by suspension or of expulsion.
Art. 4 – Joueurs Le statut des joueurs et les modalités de leurs transferts sont régis par un règlement	**Ingingo ya 4 - Abakinnyi** Amategeko agenga abakinnyi n'uburyo bava mu makipe bajya mu yandi bigengwa n'amabwiriza	**Art. 4 – Players** The statutes of the players and terms relating to their transfers are governed by a particular

particulier de la FERWAFA, conformément à l'actuel règlement du Statut et du Transfert des joueurs de la FIFA. Les joueurs doivent être enregistrés conformément au même règlement. **Art. 5 – Lois du jeu** Les Lois du jeu de la Fédération Internationale de Football Association (FIFA) s'appliquent à la FERWAFA ainsi qu'à tous ses membres. **Art. 6 – Comportement des organes et officiels de la FERWAFA** Les organes et les officiels de la FERWAFA respectent les Statuts, les Règlements, les directives, les décisions et le Code d'éthique de la FIFA, de la CAF et de la FERWAFA dans l'exercice de leurs activités. **Art. 7 – Langues officielles et divergences des textes** 1. Les langues officielles de travail de la Fédération et de l'Assemblée Générale sont le kinyarwanda, le français et l'anglais. Les documents et textes officiels doivent être rédigés dans l'une de ces langues. 2. Les langues de l'Assemblée Générale sont le kinyarwanda**,** le français et l'anglais.	yihariye ashyirwaho na Komite Nyobozi ya FERWAFA, hakurikijwe amabwiriza ya FIFA agenga abakinnyi n'uburyo bava mu makipe bajya mu yandi. Abakinnyi bagomba kwandikwa hakurikijwe ayo mabwiriza. **Ingingo ya 5 - Amategeko agenga umukino** Amategeko agenga umukino y'Ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru ku isi (FIFA) yubahirizwa na FERWAFA n'abanyamuryango bayo bose. **Ingingo ya 6 - Imyitwarire y'inzego n'iy'abayobozi ba FERWAFA** Inzego n'abayobozi ba FERWAFA bakurikiza kandi bubahiriza amategeko-shingiro, amabwiriza, ibyemezo n'amategeko ngengamyitwarire ya FIFA iyo bari mu mirimo yabo. **Ingingo ya 7 - Indimi zikoreshwa n'inyandiko zitavuga kimwe** 1. Indimi zikoreshwa mu mirimo ya FERWAFA no mu Nteko Rusange ni Ikinyarwanda, Igifaransa n'Icyongereza. Inyandiko zinyuranye n'inyandiko z'ubuyobozi bwa FERWAFA zigomba kuba ziri muri rumwe muri izo ndimi. 2. Indimi zikoreshwa n'Inteko Rusange ni Ikinyarwanda, Igifaransa, n'Icyongereza.	regulation enacted by the Executive Committee of FERWAFA, in accordance with the current regulation on the Statutes and the Transfer of the players of FIFA. The players must be registered in accordance with the same regulation. **Art. 5 –Laws of the game** The Laws of the game of the International Federation of Football Association (FIFA) apply to FERWAFA and to all its members. **Art. 6 –Conduct of bodies and officials of FERWAFA** The bodies and officials of FERWAFA must observe the Statutes, the Regulations, the directives, the decisions and the code of ethics of FIFA in their activities. **Art. 7 –official Languages and divergences of the texts** 1. The official working languages of the Federation and the General Assembly are Kinyarwanda, French and English. The official documents and texts must be written in one of these languages. 2. The languages of the General Assembly are Kinyarwanda**,** French and English.

3. En cas de divergence entre les textes, la teneur de la version en français est déterminante.	3. Mu gihe inyandiko zivuga ibitandukanye, hashingirwa ku nyandiko yo mu rurimi rw'igifaransa.	3. In the event of divergence between the interpretation of texts, the content of the version in Fench shall be regarded as authoritative.
II. <u>Membres</u>	**II. <u>Abanyamuryango</u>**	**II. <u>Members</u>**
Art. 8 - Admission, suspension et exclusion	**Ingingo ya 8 - Kwemererwa kuba umunyamuryango, guhagarikwa no kwirukanwa**	**Art. 8 - Admission, suspension and expulsion**
1. L'Assemblée Générale décide de l'admission, de la suspension et de l'exclusion d'un membre.	1. Inteko Rusange ifata icyemezo cyo kwemerera umunyamuryango kwinjira, guhagarikwa mu gihe runaka no kwirukanwa.	1. The General Assembly shall decide whether to admit, suspend and/or expel a member.
2. L'admission ne peut être accordée que si le candidat répond aux exigences de la FERWAFA. 3. Le statut de membre prend fin par la démission, l'exclusion ou la dissolution. La perte de la qualité de membre ne libère pas le membre de ses obligations financières envers la FERWAFA et ses membres. Elle supprime tous ses droits à l'égard de la FERWAFA.	2. Kwemererwa kwinjira byemerwa gusa iyo ubisaba yujuje ibisabwa na FERWAFA. 3. Kuba umunyamuryango wa FERWAFA birangira iyo asezeye cyangwa yirukanywe. Utakaje ubunyamuryango, ntibimubuza kuriha imyenda abereyemo FERWAFA cyangwa abandi banyamuryango bayo. Bimwambura ariko uburenganzira yahabwaga muri FERWAFA.	2. Admission shall be granted only if the candidate fulfils the requirements of FERWAFA. 3. Membership shall be terminated by the resignation or expulsion of a member. Loss of the membership does not relieve the member from its financial obligations towards the Federation or other members of FERWAFA but leads to cancellation of all rights in relation with the Federation.
<u>Art. 9 – Admission</u>	**Ingingo ya 9 - Kwemererwa kuba umunyamuryango**	**<u>Art. 9 – Admission</u>**
Les membres de la Fédération Rwandaise de Football Association sont:	Abanyamuryango ba FERWAFA ni:	The members of the Fédération Rwandaise de Football Association are:

a) les clubs de première division, de deuxième division et les équipes de la ligue nationale du football feminin. b) les ligues provinciales (une ligue provinciale par province sauf la ville de Kigali qui en a deux pour des raisons de population. c) Le groupement des entraîneurs d) Le groupement des arbitres e) Autre association œuvrant pour la promotion du Football qui sera admise par l'assemblée Générale. **Art. 10 – Demande et procédure de candidature** 1. Procédure de demande ¤ Toute demande d'affiliation d'une association doit être adressée par écrit au président de la FERWAFA et remise au secrétariat général de la FERWAFA. ¤ Toute ligue remplissant les conditions énumérées ci-dessus et désirant s'affilier à la FERWAFA doit adresser une demande écrite au Secrétariat Général de la Fédération.	a) Amakipe yo mu cyiciro cya mbere, ayo mu cyiciro cya kabiri n'amakipe y'abari n'abagore ku rwego rw'igihugu b) Amahuriro yo mu rwego rw'intara (ihuriro rimwe kuri buri ntara uretse Umujyi wa Kigali ugira amahuriro abiri bitewe n'umubare w'abawutuye) c) Itsinda ry'abatoza d) Itsinda ry'abasifuzi e) Irindi shyirahamwe ryose, rigamije guteza imbere umupira w'amaguru, ribyemerewe n'Inteko Rusange **Ingingo ya 10 - Gusaba kuba umunyamuryango n'ibikurikizwa** 1. Ibikurikizwa ¤ Ugusaba kuba umunyamuryango ku ikipe gukorwa mu nyandiko yandikirwa ihuriro bireba igashyikirizwa Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA. ¤ Ihuriro ryose ryujuje ibyangombwa bisabwa kandi rishaka kuba umunyamuryango wa FERWAFA rigomba kubisaba mu nyandiko yandikirwa Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA.	a) clubs of the first division and the second division, and clubs of women's football national league, b) Provincial leagues (one provincial league by province except the City of Kigali which has two on account of its population). c) Coaches' groups d) Referees' groups e) Any other association that promotes football which shall be admitted by the General Assembly, **Art. 10 – Request and procedure for application** 1. Procedure for application ¤ Any request for affiliation of a club must be addressed in writing to the competent league for the general secretariat of FERWAFA. ¤ Any league meeting the conditions enumerated above and wishing to affiliate with FERWAFA must address a written request to the General Secretariat of the Federation.

¤ Tout groupement remplissant les conditions énumérées ci-dessus et désirant s'affilier à la FERWAFA doit adresser une demande écrite au Secrétariat Général de la FERWAFA. 2. La demande est accompagnée : a) d'une copie des statuts, règlements d'ordre intérieur tous notariés et la preuve de l'acquisition de la personnalité juridique. b) d'une déclaration par laquelle il accepte de se soumettre aux statuts, règlements d'ordre intérieur, dans leur version actuelle et tels qu'ils pourront être modifiés ultérieurement, ainsi qu'aux décisions du Comité Exécutif de la FERWAFA, de la CAF et de la FIFA; c) d'une déclaration par laquelle il accepte de se conformer aux lois du jeu en vigueur; d) d'une déclaration par laquelle il reconnaît les organes juridictionnels de la FERWAFA et le Tribunal Arbitral du Sport (TAS) de Lausanne, comme spécifié dans les Statuts; e) d'une déclaration par laquelle il s'engage à faire respecter les Statuts, règlements d'ordre intérieur et décisions de la FERWAFA, de la CAF et de la FIFA par ses propres membres	¤ Itsinda ryose ryujuje ibyangombwa bivuzwe haruguru kandi rishaka kuba umunyamuryango FERWAFA rigomba kubisaba mu nyandiko yandikirwa Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA. 2. Gusaba kuba umunyamuryango biherekezwa: a) Kopi y'amategeko shingiro n'amategeko ngengamikorere by'usaba biriho umukono wa noteri hamwe n'icyemezo cy'uko yahawe ubuzimagatozi. b) Inyandiko yo kwemera gukurikiza amategeko shingiro n'amategeko ngengamikorere ariho cyangwa uko azahinduka ndetse n'ibyemezo bya Komite Nyobozi ya FERWAFA, ya CAF na FIFA; c) Inyandiko yo kwemera kubahiriza amategeko agenga umukino akurikizwa muri cyo gihe; d) Inyandiko yo kwemera inzego nkemurampaka za FERWAFA n'urwa TAS rw'i Lausanne mubusuwisi , nk'uko bisobanurwa mu mategeko shingiro; e) Inyandiko yo kwemeza ko abanyamuryango be ndetse n'umuntu wese (umukinnyi cyangwa umuyobozi) bazagirana amasezerano y'akazi bazubahiriza amategeko agenga FERWAFA, CAF na FIFA;	¤ Any group meeting the conditions enumerated above and wishing to affiliate with FERWAFA must address a written request to the General Secretariat of FERWAFA. 2. The request is accompanied by: a) A notarized copy of the statutes and of the internal regulations and proof of acquisition of the legal status. b) A declaration by which it agrees to comply with the statutes, internal regulations, in their current version and as they may be modified later on and with the decisions of the Executive Committee of FERWAFA, CAF and FIFA; c) A declaration by which it agrees to conform to the laws of the game in force; d) A declaration that it recognizes the arbitration court of FERWAFA and the Court of Arbitration for Sport (CAS) in Lausanne, as specified in the Statutes; e) A declaration by which it undertakes to ensure compliance with its Statutes and all the regulations from FERWAFA, CAF and FIFA by its own members and for any other person (player or official) with whom it will initiate the relationships of contractual

ainsi que par toute personne (joueur ou officiel) avec laquelle il entretiendra des relations de nature contractuelle;		nature;
f) d'une déclaration par laquelle il reconnaît la compétence exclusive des organes juridictionnels de FERWAFA pour tous les litiges impliquant elle-même ou l'un de ses membres;	f) Inyandiko yo kwemeza ko inzego nkemurampaka za FERWAFA arizo zonyine zifite ububasha bwo gukemura impaka zerekeye impaka yaba amureba cyangwa areba umwe mu banyamuryango be.	f) A declaration by which it recognizes the exclusive competence of the judicial bodies of FERWAFA for any disputes involving itself or one of its members;
g) d'une déclaration stipulant que sa composition juridique garantit qu'il est en mesure de prendre des décisions indépendamment d'une entité extérieure;	g) Inyandiko yerekana ko imiterere y'umuryango mu rwego rw'amategeko ituma ushobora gufata ibyemezo mu bwigenge;	g) A declaration stipulating that its legal composition guarantees that it can make decisions independently of any external entity;
h) d'une liste de ses officiels, en précisant ceux qui, par leur signature, ont le droit de l'engager juridiquement vis-à-vis des tiers;	h) Urutonde rw'abayobozi bawo, rwerekana abafite uburenganzira bwo kugirana amasezerano n'abandi bantu mu ijwi ryawo;	h) A list of its officials, by specifying those who are authorized signatories who have the right to enter into legally binding agreements with third parties;
i) d'une déclaration par laquelle il s'engage à organiser des rencontres amicales ou à y participer uniquement s'il a préalablement reçu l'accord de la FERWAFA;	i) Inyandiko yemeza ko azajya atunganya imikino ya gicuti cyangwa akayigiramo uruhare gusa mu gihe yabanje kubyemererwa na FERWAFA;	i) A declaration by which it undertakes to organize or participate in friendly matches only with prior approval and authorization by FERWAFA;
j) par ailleurs, les candidats devraient aussi déclarer qu'ils reconnaissent qu'ils sont situés sur le territoire de la République du Rwanda	j) Abasaba kandi, bagoma kwemeza ko bakorera ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda	j) also candidates shall declare that they operate on the territory of the Republic of Rwanda,

k) d'une copie du procès-verbal de sa dernière Assemblée Générale ou de sa séance de constitution.	k) Kopi y'inyandikomvugo y'inama iheruka y'Inteko Rusange cyangwa y'inama yawushinze	k) A copy of the minutes of its last general assembly or constitutional meeting.
3. L'Assemblée Générale de la FERWAFA décide de l'affiliation d'un membre**.** L'affiliation ne peut être refusée que si l'organisation du requérant n'est pas compatible avec les présents statuts.	3. Kwemerera umunyamuryango byemezwa n'Inteko Rusange ya FERWAFA. Kuba umunyamuryango byangwa gusa iyo umuryango usaba akomokamo utabangikana n'aya mategeko shingiro.	3. The general assembly of FERWAFA only decides on the affiliation of a member**.** The affiliation can be refused only if the organization of the applicant is not compatible with these statutes.
4. Le nouveau membre acquiert les droits et les obligations découlant de son statut ds que son admission est effective.	4. Uwemewe nk'umunyamuryango mushya ahabwa uburenganzira bwose agenerwa nk'umunyamuryango kandi akunubahiriza inshingano zose z'umunyamuryango.	4. The new member exercises rights and responsibilities arising from its statute when its admission gets effective.
Art. 11 – Droits des membres	**Ingingo ya 11 - Uburenganzira bw'abanyamurango**	**Art. 11 – Members' rights**
1. Les membres de la FERWAFA disposent des droits suivants :	1. Abanyamuryango ba FERWAFA bafite uburenganzira bukurikira:	1. The members of FERWAFA have the following rights:
a. participer à l`Assemblée Générale de la Fédération, connaître à l'avance l'ordre du jour de l'Assemblée, y être convoqué dans les délais et y exercer le droit de vote;	a. Kujya mu nama y'Inteko Rusange ya FERWAFA, kumenyeshwa mbere ibiri ku murongo w'ibyigwa mu nama y'Inteko Rusange, kuyitumirwamo mu gihe gikwiye no kuyitangamo ijwi iyo habaye itora	a. to take part in the General Assembly of the Federation, to know its agenda in advance, to be called to the general assembly within the prescribed deadlines and to exercise the voting rights;
b. formuler des propositions concernant les points à l'ordre du jour de l'Assemblée;	b. Gutanga ingingo zajya ku murongo w'ibyigwa n'Inteko.	b. to draw up proposals concerning the agenda of the general assembly;
c. proposer des candidats pour leur élection au	c. Gutanga abakandida mu matora y'inzego zose za FERWAFA;	c. to nominate candidates for all bodies of the Federation to be elected;

sein de tous les organes de la Fédération; d. être informé des affaires de la Fédération par le biais du Comité Exécutif; e. prendre part aux compétitions et activités sportives placées sous l'égide de la Fédération; f. exercer tous les autres droits découlant des statuts et règlements de la FERWAFA 2. L'exercice de ces droits est soumis aux réserves découlant des autres dispositions des présents statuts et règlements applicables. **Art. 12 – Obligations des membres** 1. Les membres de la FERWAFA ont les obligations suivantes : a. Observer en tout temps les Statuts, règlements, directives et décisions de la Fédération, de la FIFA, de la CAF et de les faire respecter par leurs propres membres; b. Garantir l'élection de ses organes décisionnels; c. prendre part aux compétitions et autres activités sportives placées sous l'égide de	d. Kumenyeshwa imikorere ya FERWAFA binyujijwe kuri Komite Nyobozi; e. Kwitabira amarushanwa n'ibikorwa bya siporo biyobowe na FERWAFA; f. Gukoresha ubundi burenganzira bwose bukomoka ku mategeko n'amabwiriza ya FERWAFA. 2. Ikoreshwa ry'ubwo burenganzira ryubahiriza ibiteganyijwe muri aya mategeko shingiro n'amabwiriza ya FERWAFA akurikizwa. **Ingingo ya 12 - Inshingano z'abanyamuryango** 1. Abanyamuryango ba FERWAFA bafite inshingano zikurikira: a. Gukurikiza buri gihe amategeko, amabwiriza n'ibyemezo bya FERWAFA, ibya FIFA, ibya CAF no gutuma abanyamuryango bayo babikurikiza b. Kwishingira itorwa ry'inzego za FERWAFA zifata ibyemezo; c. Kwitabira amarushanwa n'ibindi bikorwa bya siporo biyoborwa FERWAFA;	d. to be informed of the matters related to the Federation through the Executive Committee; e. to take part in competitions and sports activities organized by the Federation; f. to exercise all the other rights arising from the Statutes and regulations of FERWAFA 2. The exercise of these rights is subject to the application of other matters arising from the other provisions of these statutes and applicable regulations. **Art. 12 – Members' obligations** 1. The members of FERWAFA have the following obligations: a. to fully observe the Statutes, regulations, directives and decisions of the Federation, FIFA, CAF and to make sure these are also respected by its members; b. to ensure the election of its decision-making bodies; c to take part in competitions and other sports activities organized by the Federation;

la Fédération; d. payer les cotisations; e. respecter les Lois du jeu telles qu'établies par l'IFAB et les faire observer par ses propres membres par le biais d'une disposition statutaire;	d. Kwishyura imisanzu e. Gukurikiza Amategeko y'umukino nk'uko yashyizweho na IFAB no gutuma abanyamuryango bawo bayakurikiza binyujijwe mu ngingo y'Amategeko shingiro;	d. to pay the membership contributions; e. to respect the Laws of the game as established by IFAB and to ensure that these are also respected by its members through a statutory provision;
f. adopter une clause statutaire prévoyant que tous les litiges impliquant la Fédération elle-même ou l'un de ses membres et relatifs aux Statuts, règlements d'ordre intérieur, directives et décisions de la FIFA, de la CAF, de la FERWAFA ou des ligues seront exclusivement soumis à la compétence des organes juridictionnels de la Fédération ou de la FIFA, de la CAF ou de la FERWAFA et que tout recours à un tribunal ordinaire est interdit.	f. Kugaragaza ingingo mu mategeko shingiro ko ikemurwa ry'impaka areba FERWAFA ubwayo cyangwa umwe mu banyamuryango bayo ku birebana n'amategeko shingiro, amabwiriza n'ibyemezo FIFA, bya FERWAFA, cyangwa by'amahuriro, rizashyikirizwa gusa inzego nkemurampaka za FERWAFA, cyangwa iza FIFA, kandi ko gushyikiriza ikirego urukiko rusanzwe bibujijwe;	f. to adopt a statutory clause specifying that any dispute requiring arbitration and involving itself or one of its members and relating to the Statutes, internal regulations, directives and decisions of FIFA, the Federation or the leagues shall exclusively come under the jurisdiction of the appropriate bodies of the Federation or FIFA, and that any recourse to an ordinary court is prohibited;
g. Communiquer à la Fédération toute modification de ses Statuts et règlements, de la liste de ses officiels ou des personnes habilitées, par leur signature, à l'engager juridiquement vis-à-vis des	g. Kumenyesha FERWAFA impinduka yose ibaye mu mategeko shingiro n'amabwiriza y'umuryango, mu rutonde rw'abayobozi cyangwa abemerewe gufata ibyemezo mu izina ry'umuryango;	g. To communicate to the Federation any amendment of its Statutes and regulations, the list of its officials or the people who are authorized signatories with the right to enter into legally binding agreements with the third parties;

tiers; h. N'entretenir aucune relation de nature sportive avec des entités non reconnues ou avec des membres qui ont été suspendus ou exclus; i. Respecter, par le biais d'une provision statutaire, les principes de loyauté, d'intégrité et d'esprit sportif en tant qu'expression du fair-play; j. Observer pendant toute leur affiliation les conditions obligatoires stipulées à l'article 10 al 2. k. Gérer un registre des membres qui doit être régulièrement tenu à jour; l. Se soumettre totalement aux autres obligations découlant des Statuts et autres règlements de la Fédération et de la FIFA. 2. La violation de ces obligations par un membre entraîne des sanctions prévues par le code disciplinaire de la FERWAFA. **Article 13 - Suspension** 1. L'Assemblée Générale est compétente pour suspendre un membre. Tout membre coupable de	h. Kutagirana imishyikirano yo mu rwego rwa siporo n'andi mashyirahamwe atemewe na FERWAFA cyangwa se abanyamuryango bahagaritswe cyangwa birukanywe; i. Guteganya mu mategeko shingiro, amahame yo gukoresha ukuri, kuba inyangamugayo, no kurangwa n'ubworoherane mu mukino nk'ibigaragaza fair-play; j. Kwitwararika igihe cyose akiri umunyamuryango ibiteganyijwe mu ngingo ya 10 igika cya 2; k. Kugira igitabo cyandikwamo abanyamuryango kigomba guhora cyuzuzwa uko hari abavuyemo cyangwa abinjira; l. Kwiyemeza kwubahiriza ibitegetswe byose bikubiye mu mategeko shingiro n'andi mabwiriza ya FERWAFA n'aya FIFA. 2. Ukurenga kuri izi nshingano bikozwe n'umwe mubanyamuryango bituma hafatwa ibihano biteganyijwe n'aya mategeko ngengamyitwarire ya FERWAFA **Ingingo ya 13 - Guhagarikwa** 1. Inteko Rusange n'iyo ifite ububasha bwo guhagarika umunyamuryango. Komite Nshingwabikorwa ishobora ariko	h. Not to maintain any relationships of a sporting nature with entities not recognized or members who have been suspended or expelled; i. To respect the principles of loyalty, integrity and good sporting spirit as an expression of fair play through a statutory provision; j. To observe the mandatory conditions during all their affiliation period as stipulated in article 10 al 2. k. To administer a register of the members which shall be regularly updated; l. To fully comply with all other obligations arising from the Statutes and other regulations of the Federation and FIFA. 2. The violation of these obligations by a member leads to sanctions provided for in these Statutes. **Article 13 - Suspension** 1. The General Assembly is responsible for suspending a member. The Executive Committee may ,however,

violations graves et réitérées de ses obligations peut cependant être suspendu avec effet immédiat par le Comité Exécutif. Si elle n'est pas levée entre-temps par le Comité Exécutif, la suspension est valable jusqu'à l'Assemblée Générale suivante.	guhagarika umunyamuryango ufite akamenyero ko kutubahiriza inshingano ze, kandi icyo cyemezo kigahita cyubahirizwa. Iyo cyo cyemezo kidakuweho, kihamaho kugeza ku Nteko rusange ikurikira.	suspend a member that has seriously and repeatedly violated its obligations with immediate effect. If the suspension is not lifted in the meantime by the Executive Committee, the suspension shall last until the next general assembly.
2. Toute suspension doit être confirmée lors de l'Assemblée Générale suivante par une majorité de trois-quarts (3/4) des suffrages exprimés, faute de quoi elle est automatiquement levée.	2. Uguhagarikwa k'umunyamuryango uko ariko kose kugomba kwemezwa n'Inteko Rusange ikurikira ku bwiganze bw'amajwi bwa ¾ by'abatoye, bitabaye ibyo uko guhagarikwa guhita kuvaho.	2. Any suspension shall be confirmed at the time of the following General Assembly by a majority of three-quarters (3/4) of the votes taken or else it is automatically lifted.
3. La suspension entraîne la perte automatique des prérogatives liées au statut de membre. Il est interdit aux autres membres d'entretenir des relations sur le plan sportif avec un membre suspendu. La Commission des compétitions peut infliger d'autres sanctions.	3. Uguhagarikwa k'umunyamuryango gutuma atakaza uburenganzira bwe bwose muri icyo gihe ahagaze. Abandi banyamuryango babujijwe gukorana nawe mu rwego rw'imikino. Komisiyo y'amarushanwa ishobora kandi kumugenera ibindi bihano.	3. The suspension leads to automatic loss of the membership rights. Other members shall not entertain any sporting contacts with a suspended member. The competition Commission may impose further sanctions.
4. Les membres qui ne participent pas aux activités sportives de la Fédération pendant trois (3) années consécutives voient leur droit de vote à l'Assemblée Générale suspendu; et leurs représentants ne peuvent pas être élus ni convoqués tant qu`ils n'ont pas rempli leurs obligations à cet égard.	4. Abanyamuryango batitabira amarushwana y'Ishyirahamwe igihe cy'imyaka itatu (3) ikurikirana bamburwa uburenganzira bwo gutora mu Nteko Rusange, kandi ababahagarariye ntibashobora gutorwa cyangwa gutumirwa mu nama igihe cyose ibyo basabwa bitarubahirizwa.	4. Members who do not take part in the sports activities of the Federation for three (3) consecutive years shall be suspended from voting at the General Assembly and their representatives shall not be elected or called until they have fulfilled their obligations in this respect.

Article 14 - Perte de la qualité de membre	Ingingo ya 14 - Gutakaza ubunyamuryango	Article 14 - Loss of the membership
1. Exclusion L'Assemblée Générale peut exclure tout membre : a. n'ayant pas honoré ses engagements financiers envers la Fédération; b. coupable de violation grave des Statuts, des règlements, des directives ou des décisions de la Fédération ou de la FIFA; Toute exclusion nécessite la présence de la majorité absolue (50%+1) des membres de l'Assemblée Générale ayant le droit de vote et requiert la majorité des trois-quarts (3/4) des suffrages valablement exprimés. **2. Démission** 1. Tout membre peut démissionner de la Fédération. Il doit dans ce cas annoncer sa démission en envoyant une lettre recommandée adressée au Président de la FERWAFA remise au Secrétariat Général. 2. La démission ne devient juridiquement	**1. Kwirukanwa burundu** Inteko Rusange ishobora kwirukana burundu umunyamuryango uwo ariwe wese : a. Utubahirije inshingano ze zijyanye no gutanga umusanzu muri FERWAFA; b.Wishe ku buryo bukomeye amategeko shingiro, amategeko y'umwihariko, amabwiriza cyangwa ibyemezo bya FERWAFA cyangwa bya FIFA; Ukwirukana burundu umunyamuryango bikorwa n'Inteko Rusange yateranye ku bwitabire busesuye (50%+1) bw'abayigize bafite uburenganzira bwo gutora kandi bikemezwa ku bwiganze bwa ¾ by'amajwi y'abatoye mu buryo bukurikije amategeko. **2. Ugusezera ku bushake.** 1. Umunyamuryango wese ashobora gusezera muri FERWAFA ku bushake bwe. Icyo gihe agomba kwandikira Perezida FERWAFA ibaruwa ishinganye akayishyikiriza Ubunyamabanga Bukuru. 2. Ukwegura kugira agaciro mu rwego rw'amategeko igihe umunyamuryango yujuje	**1. Expulsion** The General assembly may expel a member : a. For having failed to fulfil its financial obligations towards the Federation; b. who has seriously violated the Statutes, regulations, directives or decisions of the Federation or FIFA; Any expulsion requires the presence of an absolute majority (50%+1) of the members of the General Assembly entitled to vote and requires the majority of the three-quarters (3/4) of the valid votes cast. 2**. Resignation** 1. A member may resign from the Federation. In this case, the registered notice of resignation must be sent to the General Secretariat of the Federation. 2. The resignation remains invalid until the member wishing to resign has fulfilled all his financial obligations towards the

valable qu'au moment où le membre a rempli toutes ses obligations financières à l'égard de la Fédération et des autres membres. **3. Dissolution** La dissolution d'un membre entraîne la perte de la qualité de membre, avant même la phase de liquidation. **Art. – 15 Statut des clubs, ligues et autres associations régionales** 1. Les clubs, ligues, les associations régionales ou tout autre groupe de clubs affiliés à la FERWAFA lui sont subordonnés et doivent être reconnus par elle. Les compétences, droits et obligations de ces clubs et de ces groupes sont stipulés dans les statuts du membre. Leurs statuts doivent être approuvés par le Comité Exécutif de la Fédération. 2. Chaque groupe et club affilié à la FERWAFA doit être apte à prendre toutes	inshingano ze zose zijyanye no gutanga imisanzu muri FERWAFA ndetse no kwishyura abandi banyamuryango. **3. Iseswa** Iseswa ry'umunyamuryango rishobora kubaho ku bushake bwe cyangwa rigategekwa n'amategeko. Uko ribayeho kose, rituma habaho gutakaza ubunyamuryango mbere y'uko n'igihe cy'ibarura ry'umutungo kigera. **Ingingo ya 15 : Amategeko agenga amakipe, amahuriro y'amakipe n'andi mashyirahamwe y'utururere** 1. Amakipe, amahuriro y'amakipe, amashyirahamwe y'uturere cyangwa irindi shyirahamwe ryose rihuza amakipe riri muri FERWAFA, bigengwa nayo, kandi ni nayo igomba kubyemeza. Ububasha, uburenganzira n'inshingano by'ayo makipe n'ayo mashyirahamwe bivugwa mu mategeko agenga umunyamuryango. Amategeko abigenga agomba kwemezwa na Komite Nyobozi ya FERWAFA. 2. Buri shyirahamwe n'ikipe biri muri FERWAFA, bigomba kugira ububasha bwo gufata ibyemezo byose bijyanye no kuba ryaremewe	Federation and its members. **3. Dissolution** The dissolution of a member may be voluntary or legal. In both cases, it leads to the loss of membership before even the liquidation phase. **Art. – 15 Status of clubs, leagues and regional associations** 1. Clubs, leagues, regional association or any other group of clubs affiliated to FERWAFA shall be subordinated to and recognized by FERWAFA. The scope of authority, rights and obligations of these clubs and these groups are stipulated in the statutes of the member. Their statutes must be approved by the Executive Committee of the Federation. 2. Each group and club affiliated to FERWAFA must take all the decisions on any matters regarding its membership independently of any

les décisions qu'implique son affiliation à sa structure indépendamment de toute entité externe. Cette obligation est valable quelle que soit sa forme juridique. 3. Dans tous les cas, aucune personne physique ou morale ne doit figurer dans les organes dirigeants de plus d'un club ou groupement à la fois. **Art. 16 – Membres d'honneur** 1. L'Assemblée Générale peut accorder à certaines personnalités le titre de Membre d'honneur eu égard aux services rendus à la cause du football. 2. Leur nomination est proposée par le Comité Exécutif 3. Les ex-membres du Comité Exécutif qui ont bien fini leur mandat sont d'office membres d'honneur. 4. Le membre d'honneur peut participer à l'Assemblée Générale avec une voix consultative.	nk'umunyamuryango ntakuvugirwamo n'uwo ariwe wese uturutse hanze. Ibi bigomba gukurikizwa uko imiterere yaba imeze kose mu buryo bw'amategeko. 3. Mu buryo ubwo aribwo bwose, nta muntu cyangwa ishyirahamwe bashobora kugaragara mu buyobozi bw'ikipe cyangwa ishyirahamwe ry'amakipe rirenze rimwe. **Ingingo ya 16 - Abanyamuryango b'icyubahiro** 1. Inteko Rusange ishobora gushyira abantu ku giti cyabo cyangwa imiryango ku rwego rw'abanyamuryango b'icyubahiro hashingiwe ku byiza baba barakoreye umupira w'amaguru. 2. Ishyirwaho ryabo risabwa na Komite Nyobozi 3. Abarangije neza manda yabo muri Komite Nyobozi baba ari abanyamuryango b'icyubahiro 4. Umunyamuryango w'icyubahiro ashobora kujya mu Nteko Rusange agatangamo ibitekerezo ariko ntiyemerewe gutora	external entity and this obligation is valid irrespective of its legal form. 3. In any case, no person or legal entity shall be part of the executive body of more than one club or group at the same time. **Art. 16 – Honorary membership** 1. The General assembly may bestow the title of honorary member upon persons who have rendered outstanding services to football. 2. Their nomination is made by the Executive Committee. 3. Former members of the Executive Committee who have successfully completed the term of office are automatically honoray members, 4. The honorary member may take part in the General Assembly only with consultative powers but is not entitled to vote.

III. ORGANANISATION DE LA FERWAFA	III. IMITERERE YA FERWAFA	III ORGANISATION OF FERWAFA
